# IKIGANIRO TWAGIRANYE NA NKUSI ALPHONSE KU MYIFATIRE YA MBONYUMUTWA DOMINIQUE

Mu numero 16 ari nayo iheruka y'ikinyamakuru cyacu GOBOKA, twabasobanuriye ukuntu MBONYUMUTWA Dominique yabaye imbarutso y'itotezabwoko.

Ubushakashatsi twagize muri karere yavukiyemo akanagakuriramo, bwatumye tumenya ko atabaye imbarutso gusa, ahubwo yanabimburiye abandi muri gahunda y'itembabwoko.

Nimukurikirane ikiganiro twagiranye na NKUSI Alphonse wari Surushefu mu karere ka NDIZA, ahitwa GITOVU.

**GOBOKA:** Watubwira izina ryawe, ariko turifuza ko wadusobanurira kurushaho uwo uri we, n'abandi batakuzi bakumenyeraho.

**NKUSI Alphonse:** Navukiye i NKORE mu BUNYAMBIRIRI (Ni muri Perefegitura ya GIKONGORO) mu mwaka w'1912. Data yaje kwimukira mu KABAGARI ho muri Komini MASANGO ya GITARAMA. Nize amashuri abanza, niga ubukarane, hanyuma nza kuba Surushefu wa GITOVU mu NDIZA.

**GOBOKA:** Umuntu mwakoranye wibuka kurusha abandi ni nde ? Kubera izihe mpamvu ? Mwakoranye iki ?

**N.A.:** Umuntu twakoranye nibuka kurusha abandi ni MBONYUMUTWA Dominique, kubera ubugome bwe. Yankoreye amahano muw'1959 nzibagizwa n'urupfu. Muri icyo gihe yari yari afite nk'imyaka 46, akaba Surushefu wo kui NDIZA. Ubwo twari dusangiye akazi, tugahuzwa na Shefu GASHAGAZA Athanase watwaraga NDIZA yose igizwe na NDIZA, RUKOMA, NDUGA na MURANGARA.

**GOBOKA:** Byatangiye bite se ?

**N.A.:** MBONYUMUTWA Dominique yavuye mu nama i GITARAMA yari irimo na Administrateur w'umuzungu, azana ubutumwa bubwira Shefu ko atumiza ba Surushefu bose mu nama. Yahise anagirisha inama rwihishwa ko bucya batwika, bakanica, ariko byanagenze. Avuye muri iyo nama ni bwo yakubiswe n'abasore b'abatutsi, ibya bindi bamwe twajyaga dukeka ko ari byo byateye intambara.

Abashefu n'abandi bagaragu b'inkoramutima rero baje bitabye inama, batazi ko bahamagariwe urupfu. Mu bantu basaga 40 bari batumiwe, harokotse shefu GASHAGAZA Athanase wenyine.

**GOBOKA:** Byagenze bite ?

**N.A.:** Bamwe mu bahutu banze gutatira igihango bamucishije ku ruhande bajya kumuhisha muri misiyoni i KANYANZA.

**GOBOKA:** Wowe ntiwifata nk'uwarokotse ayo mahano ?

**N.A.:** Yewe ! Nsa n'uwapfuye. Ndi ikimuga ahantu hose.

**GOBOKA:** Tubwire uko warusimbutse.

**N.A.:** MBONYUMUTWA yategetse ko banyicaza hasi, ugiye kwicwa akabanza akansezeraho. Shefu GATARABIRWA ni we babimburiyeho, araza ati: « Urabeho NKUSI we! »

Shefu GATARABIRWA ni we babimburiyeho, araza ati: « Urabeho NKUSI we ! » Ni uko bategaka uwari umuboyi we kumwicisha icumu, arimwanura mu gihumbi. KAYONGA Yohani niwe wakurikiyeho, baramutwika. KABANGO yatwe inkota ebyiri mu mutima. KABAYIZA Kalisiti, umuhungu wa KABANGO yishwe n'amasuka bamuhinga nk'amasinde. KABIRIGI Onesifori n'abandi bo sinamenye uko bapfuye, kuko nari maze kwiruka. Cyakora numvise ko we yatewe igiti gisongoye mu kibuno.

GOBOKA: Aho wari wicayee wahavuye ute ?

N.A.: Sinzi icyo MBONYUMUTWA yarangariye hirya, abasore b'abahutu bigaga mw'ishuri ryanjye barahampagurutsa baranyirukankana. Burya nta bapfira gushira, abo bana bambereyee imfura.


Ni uko nirukira mu nzu kwa shefu, cyakora mpura n'ibyago, mpasanga abantu basahura, barankubita biratinda. Naje kumena idirishya ngwa hanze ndaraba. Agasaza twitaga NYIRAMAYONDE, kankubita umuhoro mu gahanga ngo karebe uko ubwenge bw'abatutsi bumeze sinakoma. Bati yapfuye, cyakora ntibyababuza gukomeza kumpuragura inkoni n'amahiri. Umuhutu witwa YOHANI (Irindi ni nde ?! Ntaryo nibuka), yaje kunama andya amenyo ku gahera (n'ubu dore karagoramye), noneho ndataka. Ubwo MBONYUMUTWA yari yamaze kuhagera, ati: « Ubwo kumurya ari byo bimubabaza, mwese nimumukuranweho mu murya amenyo ». Ni uko sinakubwira bahera ku birenge, bageza ku mutwe.

GOBOKA: Ntiwamenye abakuryaga abo ari bo ?

N.A.: Sinabamenye kuko nasaga n'uwataye ubwenge. Icyo numvise ni uko MBONYUMUTWA yabogezaga ngo « Ni uko. sha ! Uramuriye pe ! « Ikindi nibuka ni uwandiye ku kibuno ati « Yaba ariho twahereye ba sha ! » Abazira urwenya bajya bankiniraho ngo iyo mbasurira.

GOBOKA: Byaje kura-ngira bite ?

N.A.: MBONYUMUTWA yabwiye abaryanyi be, ati « Aho bigereye nimurekere aho tumuhambe. Ni uko bacukura umwobo, baranzika kugeza mw'ijosi, basigaza umutwe ngo nze kuribwa n'ibisiga, barigendera.



Narengejweho utwatsi n'abantu ntashoboye kumenya, bashobora kuba ari bamwe mu bari bagerageje kumpungisha. Nimunsi nibwo abantu baje aho kw'ibagiro kwishimira ibyo bakoze. Harimo na Administrateur w'umuzungu, aherekejwe n'abaparakomando.

Noneho ndataka, umuzungu ategeka ko bankuramo by'urwiyerurutso, banjyana mu bitaro by'i KABGAYI.

Nyuma y'ukwezi cyangwa se kurenga ni bwo norohewe, njya i GITARAMA, barongera baramfata ndafungwa. Bakajya bantambagiza mu gihugu banyerekana ngo nateje intambara, bakandekura, bakongera bakamfata, biryo bityo. Noneho njya gucumbika i KIGALI kwa HAGUMA Ladislas, ubwo hari 1960.

BWANAKWERI utari ufunze ni we wampungishirije i BUJUMBURA mu Burundi.

GOBOKA: Ukeka ko MBONYUMUTWA yicaga abatutsi ashaka iki ?

N.A.: Yari yitabiriye gahunda y'abazungu yo gutteranya abanyamrwanda.

Yumvaga ko ngo yikuraho abatutsi yari amaze kwumvishwa ko ari abanyamahanga, noneho akazategeka igihugu ubuziraherezo. Ibyago yagize ni uko yaruhiye KAYIBANDA, akaba aatajya anavugwa muri ba Perezida barongoye iki gihugu. Cyakora bamuhembye guhambwa muri stade bise iya demokarasi.

Aho ngarukiye nagiye kuhamusura. Abazi kwishobora bamuvugiraho ngo « Yaciye imyeyo aba arangirije aho ». Ndabona mukuze ngirango muzi guca imyayo icyo byasobanuraga mu muco w'abana b'abakobwa biteguriraga kuzarushinga. Baca umugani ngo « Umuci

w'imyeyo aruhira umu..»
Nabaciraga amarenga.

**GOBOKA:** Mu buzima bwo mu buhungiro washimishijwe n'iki ?

**N.A.:** Nakundaga kujya kuri Saint Albert aho abana bo mw'itorero ryitwa IMANZI babyiniraga bakanahamiriza. Nakundaga kuganira n'abana mbabwira utwa keza, nabo bakamwira utugezweho. Ni nabo banyise DJANGO. Icyanshimishije ubwa nyuma ni uko nagize ntya nkumva impuruza ngo abari barahejejwe ishyanga noneho bashobora gutaha! Nagarutse mu Rwanda muwa 1996.

**GOBOKA:** Ko watinze se?

**N.A.:** Sinkiri umuntu warwo. Sinkigenda. Ndaryama nkicara. Naramugaye kubera inkoni hakubiswe n'amenyo bandiye umubiri wose. Ntako rero ndi ubona, ndi mu gicuku. Cyakora sindahasonzera.

**GOBOKA:** Iyo usanga MBONYUMUTWA akiriho wari kubigenza ute ?

**N.A.:** Nari kubigira nte se! Sinkigira n'uwo nabwira ibye. Abo mbibwiye baranseka kandi nta n'intege nkigira.

**GOBOKA:** Ntiwamure-gera Leta ?

**N.A.:** Ahari yabyumva sinabizi. Yewe ! Ariko byaba birebire ! Abagabo batanu bamushinja se nabakura he?! Ko ubanza n'abandyaga amenyo na bo barashize!

**GOBOKA:** Mu bantu bo mu gihe cyawe mwaganiraga ubu hasigaye ba nde? Murabonana ?

**N.A.:** Yewe ... Ntabo! Muri iyi nzu nsigarana n'agakozi kaba kari mu mirimo yako, nanjye nkaba aho nk'ikirago, ubundi nkumva Radiyo iyo imisonga itariho itera. Uwo twaganira ni murumuna wanjye mUHIKIRA Augustin, nawe aba i KIGALI. MUKATITABIRE wa SEMUGESHI na we ajya ansura, ndetse na NYIRANGANGO bitari kenshi. Muri macye, irungu ryaranyishe. Abagore ni bo bakunda kungenderera kubera ko mbakinisha, nkababwira urwenya tugaseka.

**GOBOKA:** Ese ntiwigeze umenya KAYIBANDA ?

**N.A.:** Mu gihe byacikaga na mbre y'uko yari umufaratiri, bamwirukanira amatwara mabi, yo guteranya amoko, yahise ajya muri Kinyamateka, atari uko ari umuhanga, ahubwo ari uko habuze abandi kandi bayoboka buhumyi.

**GOBOKA:** Wagira nama ki ububyiruko ruzasoma iki kiganiro ?

**N.A.:** Narugira inama yi kwitwara nka bariya bana bandengejeho utwatsi.

**GOBOKA:** Hagize uza akaguha ibimenyesto bigaragaza ko yari mu bakurengejeho utwatsi wamukorera iki ?

**N.A:** Yebaba weee !!! ubanza namurya amenyo nk'ayo ingabo za MBONYUMUTWA ZANDIYE. Urukundo namugirira rushobora kuba rwarusha uburemere ubugome abobavunamuheto bari bafite, bigatuma nkora ibyo ntazi. Namubona nk'inzozi. Natekereza kugira icyo namukorera hashize igihe kinini umutima wasubiye mu bitereko.

**GOBOKA:** Turagushimiye ku bwuzu watwakiranye.

**N.A.** Ndabashimiye cyane kuba mwaratekereje kunsura. Imana ibahe ubugingo n'umutima wo kuntekereza kenshi. Ntimuzatinde kugaruka kunsura.

**Ubwanditsi.**

